REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'UBUTABERA

P.O. BOX 160 KIGALI

## UMWIHERERO W'ABAKOZI BA MINIJUST BAFITE AHO BAHURIYE BYA HAFI N'IMARI N'UMUTUNGO WA LETA (PUBLIC FINANCE MANAGEMENT)

- Munyamabanga Uhoraho/Intumwa Nkuru ya Leta Yungirije,
- Madamu uhagarariye Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN);
- Namwe bakozi mwese mufite aho muhuriye bya hafi cyane n'imicungire y'imari n'umutungo bya Leta muri Minisiteri y'Ubutabera,
- Ndabasuhuje mwese, mugire amahoro!

Nk'uko mubizi Minisiteri kimwe n'izindi nzego zose za Leta igenerwa ingengo y'imari ya buri mwaka iyifasha gukora ibikorwa byayo no kugera ku ntego zayo hamwe n'ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo yayo.

Uko umwaka urangiye Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta aradusura akaza kureba uko Ingengo y'imari twagenewe yakoreshejwe maze akabikorera raporo.

Hashize imyaka 7  Umugenzu Mukuru w'Imari atugenzura agasanga ingengo y'imari igenerwa Minisiteri y'Ubutabera ikoreshwa neza ndetse agasiga atugiriye n'inama twakubahiriza kugirango tunoze aho aba yasanze bitameze neza ku rwego rwifuzwa.

Buri mwaka Uko umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta aje, anasuzuma niba inama yatanze ubwo aheruka zarashyizwe mu bikorwa kandi nabyo akabitangira amanota. Mu myaka 7 ishize, umwaka wa 2018/2019 nibwo inama z'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta Minisiteri y'Ubutabera yashoboye kuzishyira mu bikora ku rugero rwa 100%.  Ibi birashimishije ariko ni nako biduha inshingano zikomeye zIrimo guhora tunoza umurimo kugira ngo tudasubira inyuma.

Ibigerwaho byose nk'Ubuyozi tuzirikana iteka ko bituruka ku bwitange no gukorera hamwe  kw'abafite aho bahurira n'imari n'umutungo bya Leta muri Minisiteri y'Ubutabera by'umwihariko  aribo aba bakurikira:

1. Abashinzwe igenamigambi n'ikurikirana n'isuzuma bikorwa,
2. Abashinzwe gutanga amasoko ya Leta;
3. Abashinzwe gushyira mu bikorwa ingengo y'imari (kwishyura no gukora raporo y'uko imari n'umutungo wa Minisiteri bicunzwe);
4. N'abashinzwe ubugenzuzi (Internal Auditor and Inspection), abadufasha ku bijyanye na Konti ishyirwaho amafaranga ya Cyamunara (Judgement Execution) n'abaduha amafaranga ndetse tukanabaha raporo y'uko twayakoresheje (MINECOFIN).

Ibi ariko binasaba ubufatanye bw'abayobozi n'abakozi bose ba Minisiteri muri rusange kuko basabwa gukoresha neza umutungo n'imari bya Minisiteri no gutanga raporo y'ibyo baba bahawe ngo bibafashe mu kazi. Abari aha rero muzirikane ko muhagarariye

umubare munini usigaye mutari kumwe neza kandi turizera ko ibyo muzaganiraho muri uwo mwiherero bizatugirira akamaro twese.

Umwiherero ufite insanganyamatsiko yo kureba ibikwiye guhagarara, ibikwiye gukomeza kwitabwaho n'ibishya byakorwa kugira ngo tubashe gukomeza gucunga neza umutungo wa rubanda. Muzaganira mufate ingamba nshya zo gukomeza gukora neza kurushaho munaharanira kudasubira inyuma. Burya, gutsinda ni kimwe ariko kugumana intsinzi ni ikindi. Turifuza guhora duharanira kugumana raporo y'Umugenzuzi w'imari yerekana ko imari ya MINIJUST icunzwe neza. Turabizi ko Abagenzuzi batareba ibyo twakoze byose kubera igihe gito baba bafite ahubwo ko bakoresha uburyo bwo kureba bimwe na bimwe by'ingenzi (Sampling). Dukwiye gukora ku buryo naho bareba ibyo twakoze byose nta kintu babona ko cyakozwe uko bidakwiye.

Turifuza ko Clean Audit Reports iba intego ya MINIJUST n'Ibigo biyishamikiyeho kugeza n'aho iba intego y'inzego zose zigize Urwego rw'Ubutabera. Turizera ko n'ibi muzabifataho umwanzuro

Kuri gahunda hateganyijwe ko muzaganira ku ngingo zitandukanye zijyanye nibyo mwese muhuriramo mu mirimo ya buri munsi mukora bityo twizeye ko muzabona umwanya wo kureba ibigomba gushyirwamo imbaraga ibigomba kwirindwa ndetse n'ibigomba gukosorwa cyangwa gutangizwa kugira ngo imirimo mukora irusheho kunoga. Bake cyane muri mwe nibo barengeje imyaka 45. Hari amahirwe menshi ko muri mwe havamo abayobozi bo ku rwego rwisumbuye. Igihe mutabasha gucunga neza ibike mwahawe, ntabwo byashoboka ko mwazacunga neza ibyo babashinga bikomeye. Gukora neza rero bifitiye igihugu akamaro ariko namwe bibafitiye akamaro ku buryo bumwe cyangwa ubundi.

Muzaboneraho kandi umwanya wo kwinjiza neza PS/SG mushya mu nshingano y'ibyo mukora. Asanzwe muri MINIJUST ariko ni mushya muri Public Finance Management.

Muzafate umwanya wo kumusobanurira neza ibyo mukora, guhera ku Iteganyabikorwa kugeza ku bugenzuzi (From the National Priorities-Planning to Audit & Oversight). Yiteguye kubatega amatwi no kuJya namwe inama. Kimwe natwe, abaziho ubuhanga, ubwitonzi n'umurava ku byo mukora. Turizera ko mutamutenguha.

Mboneyeho kandi umwanya wo kubashimira mwese nshimira na MINECOFIN, cyane cyane Services za Account General ku nama n'ubufasha badasiba kubaha mu gihe mushyira ingengo y'imari mu bikorwa no mu gihe mutanga raporo (Budget Implementation Phase).

Ndangije mbifuriza kugira umwiherero mwiza.

---